

KANGURA

LWI RIGAMIJE GUCYURA IMPUNZI Z'ABANYARWANDA

VOL. 1. NO. 65

Prix Zaire 3.000NZ; Tz, Kenya 3\$; Burundi 1.000 Fbu

JANVIERI 1 1995

AGENCE INTERNATIONALE DE PRESSE LIBRE
JOURNAL KANGURA BP.13.12. KIGALI RWANDA
IMPRIME A BRUXELLE BELGIQUE
PAR MAISON OPRT

KA02 2177

EDITORIAL

Tumenye kubaza; dusobanukirwe no kuvuga; tumenye ukuri kwa buri muntu; twirinde kuba ba bwenge buke.

IBIRIMO

- 1) Twaganiriye na Ministre w'intebé wa Guverinoma y'inzenzi: Twagiramungu.
 - * Tuganira kubyerekeye ubushyamirane buri hagati ya Kagame na we:(byakorewe kuri terefoni)
 - * Kubyerekeye umutekano w'abantu n'ibantu kubyerekeye amasezero y'Arusha .
 - * Kubyerekeye ubwicanyi bwaye mu Rwanda mu minsi Ishize .
 - * Kubyerekeye urukiko mpuzamahanga.
 - * Kubyerekeye kuvanga ingabo no gucyura impunzi.
 - * Kubyerekeye itangazamakuru n'uko abona Kangura.
- 2) Amaremo y'u Rwanda arafunguye ngo dutahe kuki tudatha?
- 3) Byifashe bite mu buhungiro.
- 4) Uko bimeze mu Rwanda.
- 5) Ntabwo ari abategetsi bazacyura abaturage, ahubwo ni abaturage bazacyura abategetsi.
- 6) Imitego y'i nkotanyi mu banyabwenge twahunganye.
- 7) Ubutumwa bwa Minisitiri w'intebé nyakubahwa Yohani Kambanda
- 8) Perezida w'ubufaransa Francois Mitterant na Perezida w'uburundi ntibantunganya bazapfa muri uyu mwaka w'1995.



Umwaka ushize wahuraga n'umuntu w'Umunyarwanda, ukiranukira ukamubaza uti:tuzataha ryari, tuzataha dute, bigeze he? Icyo kibazo wagisangaga mu nzego zose, haba mu banyabwenge, mu bacuruzi, mu basirikare, mu Bihayimana, ndetse no mu banyeshuri, wagera ku banyamakuru atigeze kubaho, wabashyigikira ukumirwa.

Impamvu y'uko kumirwa ntayindi ni ukudasobanukirwa n'imihindukire y'ibantu. Arikose uri umucuruzi, wigeze kuba umutegetsi wa Leta twahunganya, u r i umunyabwenge; urabaga ngo tuzataha ryari; ko gutaha bisa-

ba ingufu za buri wese, wowe rkuva aho duhungiye wakoze iki? watanze uwuhe muganda ngo uhuzwe n'iyindi maze izo ngufu zose ziducyure? Intambara igizwe n'ibice bitatu. Ni ikihe gice muri ibi waba warafashije maze ukabona twaratinez-gutaha?

1. Intambara y'amamasu: ikorwa ari uko uburyo bwose bwananiranye. Ese watanze iki ngo ayo masasu aboneke?

2. Hari intambara ya politiki: Igomba gusobanura icyo abasirikare barwanira, igasobanurira amahanga ko inzira zose zageragejwe ariko bikaba byarananiranye. Ese muri izo ngendo dukora buri munsi mu rwego rwo gusobanurira amahanga, ni iki watanze? Subiza amaso inyuma urebe niba utaratereye agati mu ryinyo, kandi umusanu wawe tuwukeneye muri ruriya rwego.

3. Hari intambara ya gatatu, y'injyanamuntu; iy'itangazamakuru. Iyi ntambara niyo yadutsinze kuko tutigeze tuyitekereza neza. Niyo ituma iya politike imenyekana, igatuma amahanga yumva icyo umusirikare arwanira, igasobanurira umuturage aho ibibazo bye bigeze n'uko agomba kubyifatamo. Iyi ntambara isaba amafaranga ubushoboziubwitange. Hari amakuru ahabwa amaradiyo, tereviziyo, ibinyamakuru byandikwa byaba ibyandikirwa ku ruhande rwacu, byaba ibyandikwa n'abanyamahanga, ibyo byose bisaba amafaranga gusa, uyafite akayatanga. Nonese muri urwo rwego, kuva wabaho, tukiri no mu Rwanda, ni ikihe kinyamakuru wafashije ngo kigere ku ntegano za rubanda nyamwishi? Ese hari umunyamakuru wafashije mu gukora ingendo zo gusura inkambi z'impuzi, kujya mu butumwa mu mahanga se ahaha higwa ibibazo by'u Rwanda? Ibyo byose rero niba ntanakimwe urakora, ntiwagombye kubaza igihe tuzatahira. Niba nta n'icyo uzakora, ubwo wizeye guhera mu buhungiro. Ariko twe nitubona ko inguf u zawe tuzikeneye ariko wowe udashaka kuzidutiza ngo zifatanye n'iz'abandi, tuzagufatira ibyemezo by'umuryango. Birababaje kubona nta munyabwenge uregera Kangura ngo atubwire icyo yakunganira mubwanditsi bwacu, agire icyo agaya cyangwa ashima mu nzandikò zacu. Ese koko niba nta mafaranga usite yo gutwera Kangura ngo ikomeze guhatana mu gucyura impunzi

z'Abanyarwanda, ubwo wanabuze inyandiko yakuva mu mutwe bityo ikaba umuganda! Birababaje kubona duhungana abanyabwenge benshi bakirirwa bambaza ngo Kangura izasohoka ryari, niba muri ibyo byose rero ntacyo watwnze, nta mafaranga watanze ngo ibyo byose bike-newe biggerweho, ntuzongere kugira icyo ubaza, kuko nyuma y'umwanzi nawe bagufata nk'umugambanyi kubera gushyira imbere inda yawe. Ariko se bishoboka bite ko abanyabwenge niba badashoboye gushinga ibinya-makuru kubera ko bisaba amikoro menshi, babuze n'umwanya wo gukora inyandiko ikubiyemo ibitekerezo byereka umuturage aho avuye, aho ari n'aho azaba ari ejo mu rwego rw'ibibazo bye?

Hari abategetsi batugambaniye, muribo harimo ababonye Habyarimana amaze gupfa biruka isi nzima, bakwira imishwaro ku buryo ubu tutazi aho baherereye. Abahoze mu buyohozi bw'igihugu, niba ari ubwoba, niba ari ububwa, niba ari ubukotanyi nibo babizi. Abo barutemayeze rero ubu. bategereje ko dutsinda ngo baze bafate imyanya. Murababona hirya no hino babaririza uko ibintu bimeze, ndetse ugasanga barabaza n'umuturage utazi no gusoma kandi barigeze kumuyobora.....

Hari abasambo basahuye bacikana ibyo bari bashinzwe kurinda tukiri mu gihugu abo bo nta n'inama nabatumiramo ngo baze, kuko baba bakeka ko

ngiye kubabaza uko bazagarura uwo mutungo, nyamara bashatse baza bakadusaba imbabazi bakaduha make kuyo basigaje kuko n'aho bajya he ntibazayarya kerekka niba batazi kumva, kandi ndababwiye; n'utazi ko tumuzi ubu aribeshya kuko icyo twakoraga ni ukumumenya n'ibyo yatwaye. amwanzi umuruta.

NI IKI DUSABA ABATURAGE BARI MU NKAMBI

Turazi ko nta mikoro mufite, ariko mufite ingufu, urubyiruko rurahari, nimurutoze guhora rwiteguye kuko tutazemera kuba impunzi. Umwanzi wacu turamuzi, aho aherereye turahazi, uburyo tuzamucakira twarangije kubutegura. Abasore, inkumi, abasaza n'abakecuru, buri muntu n'intwarz ashoboye, umunsi muzawubwirwa, mureke tubanze turwane ziriya ntambara natangiye mvuga, nitugira aho tuzigeza ubwo ruzambikana, nta gutaha ku mishyikirano kuzabaho, ntagutaha ku mahoro kuzabaho mwese ni mwitegure intambara kuko runyenzi yanze imishyikirano, yanze kuva ku izima, ngo akari mukanwa kimbwa kavanwamo n'ubuhiri. Ngo aho kuba imbwa nka babandi twavuze, ahubwo waba imva.

NGEZE Hassan.

IMITEGO Y'I NKOTANYI MU BANYABWENGE TWAHUNGANYE.

Ninde kamara mu Banyarwanda ,ninde wap-
ataniye gucyura impunzi z'Abanyarwanda ,ninde ufile ubwenge kurusha ab~andi,ninde uzi mu mahanga kurusha abandi?ninde ushobora kugaragaza bilan y'ibyo amaze kugeraho mu rwego rwo kudueyura? Ninde watanze umusanzu waba uw'ibitekerezo,waba uw'amafaranga,waba uw'ibikoresho kurusha abandi?Ninde wakomeje akazi ke yakoraga mu Rwanda akagakora atagamije inyungu ze ahubwo agamije gucyura impunzi ntayindi nyungu yihishe inyuma y'ibyo byose.

Bimaze iki gukora ikintu runaka kigamije gucyura impunzi ,ariko mbere yo kugikora ukabanza kureba niba kizakugeza ku nyungu zawe bwite,akensiwanasanga izo nyungu ntazo usitemo ukacyihorera kandi Rubanda Nyamwinshi igitezeho byinshi?Ubwo se uba ukorera nde koko?Barihe babantu bose bigeze kuba abategetsi kuva Habyarimana yategeka?Barihe babandi bose twahunganye? Umukino wa politike ni umukino ukinwa n'abawushoboye, bawuzi kandi hawukunda.Uwo mukino rero ubamo imitego myinshi cyane,kugirango ube umunyapolitike rero bisaba ibintu binyuranye:

A:Kuba uzi icyo ugkiye gushaka muri Politike"kuvu~ira rubanda"cyangwa gushaka indonke zawe n'umuryango wawe,ariko ukamenya kubeshya rubanda ngo urayivugira.

B:Kwemeza rubanda ko ako kazi ugashoboye ,kandi ntacyo wiyyiziye.Uri umuswa mu bandi,ukagendera kubyo abandi barangije gukora.Umunsi babandi batagize icyo bakora kubera impamvu zinyuranye ukabura icyo uvuga ukarya iminwa cyangwa ugatorongera,n'abo wabeshya ga ko uvugira ntibamenya aho

warengeye.

C:Kubeshya ngo uri Umu-nyepolitiki ,naho ubundi uri bwoba busa,ugahora ujajanga-nya,ntiwerekane ko igitekerezo watangiye uharanira kugikomeza, ntuterwe bwoba n'ingorane zabonetse ku ruhande ubogamiye-mo.

D:Kutamenya imitego uwo muhanganye agutega~ngo umenye ko yifusa kukugusha mu ruhande rumufitiye inyungu;bitaba ibyo se nawe ntumenye nave gutega indi mitego nk'iyo.Icyo gihe uwo muhanganye arakwiga ,akamenya uruhande ufitemo ingufu,aho utazifite,icyo ukunda, icyo wanga,abo yakoresha mu kukugura akensi mubo mwiriranwa.Iyo amaze kukumenya bihagiye ntuba ukimuteye bwoba, kuko akora ibishoboka byose akamenya ibikorwa byawe bya buri muni,ariko nabyo abyerekeza aho yifusa akoresheje babantu yagushyizeho. Bimworohera cyane iyo ukunda abagore ,inzoga,amafaranga ,indonke.Icyo gihe ahora yaguteguriye kimwe muri ibyo ngo kikugereho;maze ntube ugishoboye kugera ku ntegano abo uvugira~bari bagutegerejeho.Iyo wiymera ho ,akora ibishoboka byose akakugusha mu gatsiko kaguhora iruhande kakuririmba,kakwereka ko kagushyigikiye;ko ndetse n'abandi ariko babivuga;ntikanabure kukubwira ko ari wowe kamara,ko uramutse udahari ,jighugu cyakerama.

Icyo gihe iyo ubwenge bukubanye bukeya,wishyira imbere ,abantu bagusaba umusanzu uwo ariwo wose,waba umutungo,ibitekerezo cyangwa kubakorera akazi runaka ukigira ishyano ukanga kubakorera, ukumva ko ari wowe gusa ugomba kubasaba ibyo baguha cyangwa bagukorera nabwo bigusha ku byubahiro byawe gusa.Ayo makimbirane uba ufitanje na

bagenzi b~e,atuma umwanzi agira ingufu,maze mwese ntimumire icyo mugeraho,mugahora muri urwo rwo gutatanya ingufu,icyo rubanda yari ibateze-ho kikabura kubera ingufu zanyu bwite n'ubwenge buke bubatuma kwikunda gusa.

Nzi kuvuga,nagenze henshi, siyo nzi gukora.Icyo umuturage ubeshya ko uharanira agushakah,ni cya kindi wahoraga umubeshya utangira ako kazi.Ntukajarajare cyangwa ngo umukururire amacakubiri n'abo yari asanzwe avugana na bo.

IMITEGO YA F.P.R.UBU ITEYE ITE?

Igihe maze mw'itangazamaku-ru ryigenga kirahagije ngo mbe maze kumenya umunyepolitike nyawe.Nababajwe bihagi-je n'abo bose bitwaga ko bavugira rubanda.Abo bose bigeze gutegeka ijhugu,baba Abasirikare, Abasiviri, bose imikorere yabo ndayizi, umuhanga n'umuswa, umunyamurava n'umunebwe n'abo bose ba kirihahira ,ikibabaje ni uko batemera ko tubazi.Guhora usaba kutava ku izima ry'icyo rubanda igushakaho ni ubutvari.

Inshuro zose nafunzwe(20)muri gereza z'u Rwanda na 35 muri za kasho z'U Rwanda kugeza ubwo hagendaga hafatwa ibyemezo byo kunyica,teregaramu zigakwira mu bigo byose bya gisirikare by'u Rwanda ,ibyo byose nabikorerwa ga n 'abitwaga ko ari abategetsi akensi kandi babaga baguye mu mutego w'umwanzi,bityo bigatum;a umwanzi amenya ubuswa bwabo bitamugoye. Urugero, kubona mu 1990, Urukiko rwa Gisirikare runkatira igifungo cy'imyaka 20 ngo ni uko navuzeko Abatutsi bazatera?Icyo gikorwa kandi cyakozwe n'Urukiko Rukuru rwa Gisirikare.Ibyo byose byatumaga Inkotanyi zibona ko abategetsi bacu ari abaswa gusa ko nta n'ubufatanye

bubaranga.Nk'iy o nashakaga kwicwa n'abasirikare bacu kubera ubuswa bwabo bwo kudasesengura ,cyabaga ari igitekerezo gikaze ku mwanzo.Ibyo byose rero nibyo byatumye tuba inararibonye mu kazi ,bituma tumenya buri mun-yepolitiki uko ahagaze,uko yigeze guhagarara,bikanatuma tumenya uko ashobora guhagarara.

Akazi kacu kaba aco abaturage badutezeho,kaba aco abayobozi badutegerejeho.Ntituracika integre kandi ntawe uzazi duca.Ibyago twahuye na byo nibyo byinshi ,ariko amateka azaduha ibihembo bihagije kuri aco kazi,twaba tukiraho,twaba tutariho.

IMITEGO UBU ITEYE ITE?

Tumaze guhunga Inkotanyi zashatse abanyabwenge bazo,batega imitego abategetsu bacu cyangwa abanyabwenge bacu baazagwamo kandi akensi bazi abazayigwamo n"abatazayigwamo bakurikije uko babazi. I.Umutego wa mbere,, ni ugushaka ukuntu haboneka agatsiko kiyemeje gucyura impunzi kiyitirira akarere.Urugero, abantu runaka bakomoka mu karere runaka,bakishyira hamwe ,bagatangira gukora ibishoboka byose ngo bacyure impunzi,ariko byitirirwe ko impunzi zacyuve n'Abanyenduga cyangwa n'Abakiga;akandi gatsiko kagatangira gukora gaty ariko kagambiriye kuvuga ko ari ishyaka iri n'iri ryacyuye impunzi nka M.D.R cyangwa M.R.N.D n'andi...Icyo Inkotanyi zitashaka ga ni ukugirango abantu batahe bitwa Abahutu batahutse kuko ubwo bumwe bw'Abahutu bwakomeje gutera Inkotanyi ubwoba,ndetse wasesengura neza ugasanga ugasanga Inkotanyi zifuza ke no mu ngabo twahunganye ibyo bice hyabamo nk'uko mu Rwanda byari bimeze. Uwo mutego rero usa nk--a-ho utangiye kugarragara mu bitwa abanyabwenge bacu,cyane cyane abamaze kubona ko amahanga ashishikajwe n'itahuka ryacu

rishingiye ku igabana ry'ubutegetsu.

Twahunganye Guverinoma twemera,yakoze ibishoboka byose, usibye amikoro make,iyo Guverinoma yaje kugabanurwa ishyirwamo ikipe ishoboye.Ikeneye kunganirwa n'abiyita abanyabwenge cyangwa abiyita ko bigeze gutegeka. Mu gihe iyo Guverinoma ikora ibishoboka byose ngo dutahe,ijya hirya no hino kubonana n'abategetsu banyuranye,hari agatsiko katangiye kwanga kuyifasha kayibonmo ibikorwa by'ishyaka.Hari n'akandi gatsiko katangiye kujya hirya no hino gushaka uko twataha,ariko nako mu migambi yako ugasanga hihishemo ishyaka cyangwa akarere.Ako gatsiko ntidushaka kukavuga izina ariko twose turatuze.

Ni byiza koko ko abantu bakora ibishoboka byose ngo dutahe,ariko se tubyibazeho:

A: Bimaze iki gucyura abaturage baramaze gucikamo ibice bishingiye ku byo twavuze haruguru?

B: Bimaze iki gutuma abaturage bongera gushyamirana kubera uturere cyangwa amashyaka aho bari mu nkambi cyangwa aho bazaba mu Rwanda?

C. Niba muri intwari.ni kuki mutashyira hamwe,ngo muhuze izo ngufu,buri ruhande rwereke urundi imibonano rukora aho igeze n'icyo izatanga,bityo ngo iyo mibonano yose ihuzwe bityo abaturage bose batahe nta macakubiri ashingiye ku nyungu z'agatsiko kamwe? Murabona atari ukugwa mu mutego w'umwanzi kwanga gufasha Guverinoma mwahunganye muyorohereza imirimayo? Guverinoma se yanze koroherenza abandi babishoboye bose mu gushaka inzira ziducyura yo irabona atari ukugwa mu mutego w'umwanzi? Banyabwenge bacu mwe nararibonye, murakora iki? Kuki mutunga ibyo bice ngo mubivane ku izima, byumve ko

ntawahanze kubera ishyaka rYe;kubera akarere ke,ko twahanze kubera ubwoko bwacu bwo butera ubwoba umwanzi!

Niba uburyo Guverinoma ikore-sha utabwemera, wiwiranya, ahubwo yigire inama,niyanga ushyireho Ishyirahamwe ubogamiyeho rigamije gucyura impunzi,ariko wirinde kugwa muri ya mitego yose twavuze .Nubigeraho uraba udukoreye kuko icyo dushaka ni ugutaha kandi vuba. Ahubwo icyo nagiraho inama biriya bice byose harimo na Guverinoma n'ibindi bice byose bishobora kuzavuka,niba hari igice kibona ko gutaha bitinze, nihagire ababa abagabo bazane imbunda, amasasu; dutere.

Urubyiruko rurahari, abasirikare barahari, naho ubundi urwo rusaku rwanyu ntacyo ruzatugezaho.

Naho kubyerekeye itangazamakuru, ubu umwanzi arakora ibishoboka byose ngo Kangura ihagarare,arabwira abantu ngo bange kuyifasha. Nyamara se niba udafashije Kangura kubera kutayemera, shaka ikindi kynamakuru rubanda yemera ugifashe cyangwa ushinge icyawe,ntuvuge gusa ngo uzarwanya Kangura kandi uterekana icyo wayisimbaza,dore ko itangazamakuru ari urundi ruhare ruzatuma dutaha vuba.Gabanya urusaku maze ukore ibyo wiyemeje,utwereke n'uwo uri we muri biriya bice byose twavuze ruguru.

NGEZE Hassan.

Twaganiriye na Ministre w'intebé wa Guverinoma y'inyenzi: Twagiramungu.

- * Tuganira kubyerekeye ubushyamirane buri hagati ya Kagame na we:(byakorewe kuri terefoni)
- * Kubyerekeye umutekano w'abantu n'ibintu
- * kubyerekeye amasezero

KA02 2181

y'Arusha .

- * Kubyerekeye ubwicanyi bwaye mu Rwanda mu minsi ishize .
- * Kubyerekeye urukiko mpuzamahanga.
- * Kubyerekeye kuvanga ingabo no gucyura impunzi.
- * Kubyerekeye Itangazamakuru n'uko abona Kangura

NGEZE HASANI: Bwana Twagiramungu ubu tugize amahirwe yo kuganira namwe kuri terefoni nyuma y'uruzinduko muturutsemo mu mahanga,mwagize ijambo mu vugira i Kigali ubwo mwari mu kihagera iryo jambo ryari rikubiyemo iki ?

TWAGIRAMUNGU: Urabaza icyo kibazo ukagirango waragikurikiye.Ntabwo harime ibanga,kwari ukuri gutereye aho,dore ko byananyuze kuri Radyo.Koko nkubutse mu mahanga ,aho nari nagive gusabA imfashanyo yatuma Guvernoma nyoboye —ibona ndufaranga two gutuma ikora,ikagera ku ntegano zayo nk'uko nabitangarije Abanyarwanda, rero amahanga yose yemeye kudufasha,ariko agashyiraho ingingo yo kuvuga ko mu Rwanda nta mutekanu ubari.Ibyo sinabashije kuhakana kuko abo twabonanye bose banyerekaga ibimenyetso by'Abahutu bicwa bazira ubwoko,bwabo; by'Abahutu bahohoterwa,bakamburwa amazu yabo,bagafungirwa ubusa bazira ubwoko bwabo.Ibyo nange narabyemeye ariko nkavuga ko bigomba gukosorwa vuba,ibi bika bishaka kuvuga ko ariya mafaranga dusaba ari ay'ighugu cyose atari aya Twagiramungu ko nako gatsiko kayakeneyeho kugirango kabone icyga gahembura.Ako gatsiko kandi karazwi,n'ugategeka arazwi dore ko yigize indakoreka,akishyiraho,akica agakiza.Ibyo ntituza-komeza kubyihan,anira,kuko nta kuntu twaba twa arwanyije ingoma y'igitugu ya Ibyarimana,ngo twemere dutege .we n'agatsiko kagaruye ingoyi wasezereye mu 1959 mbere y'ubwigenge, ntitez-

abyemera.

NGEZE:Mwakiriye mute ijambu Kagame yatangaje ubwo yasese karaga i Kigali avuye muri Amerika?

TWAGIRAMUNGU:Ririya jambo ntabwo ryatangaje abantu keretse abatazi ibya politiki.Iryo jambo rikubiyemo ubuswa n'agsuzuguro kenshi .rirerekana ko hari byinshi bigomba gukorwa kugirango ubuyobozi bwa FPR b u v a n w e m o ubunyeshyamba,buhuzwe n'ubutegetsi bwo mu gihugu burangwa na Demokarasi.Ibyo nta gitangaza kuko amaherezo uko iminsi izi niko azarushaho gusebanukirwa.Agomba kandi kumenya ko ubu nta muturage ugifite ubwoba,icyo abaturage bifuza ni ukubona ibitangaza FPR.yabizezaga.Nonese umuntu ubwira isi ngo nibamureke yice nk'uko yicaga mu ishyamba ,ngo ukoze ikosa amwice ,ubwose ahawe ubwo burenganzira;noneho abo ayobora bakora ibingana iki? Ese ko bica atabibahereye uruhusa barubonye byagenda gute?Nonese , icyo navuze yahakanye ni ikihe muri iyo disikuru ye;ahubwo iyo aba intwari yari guhakana ko ntabukorwa cyangwa ko agiye kubuhagrukira,dore ko buterwa n'ingabo ategeka.Ese yahakana ate ko Abatutsi bava i Burundi aribo bica bagakiga.Bishoboka bite ko Ministre asaba ingu ye bakanga kuyimuha,ubwo se.umuturage uri mu nkambi uzi ko na Ministre nta jambo afite ryo kumuhesha ibye avuge ngo aratashye?

NGEZE:Bwana Premier-Ministre,aho hose mwagiye mugera,bababwiye iki ku masezerano y'Arusha?

TWAGIRAMUNGU:Kugeza ubu mu bihugu byose byo ku isi uzi u Rwanda arazi kubera amasezerano y'Arusha.Ikibazo rero ni kimwe.Abanyamahanga babaza batib:mwemera Arusha,niba muyemera ni izihe ngingo mwemera?Kuki

idakurikigwa?Abandi batib:mutub-wire ingingo zo muri Arusha mutemera kugirango duhuze ibice byombi byongere bigiganireho.Ibyo rero ngasanga ubuyobogi bwa FPR;bwo bwasinyanye amasegerano n'igice cyahunze aribwo bwagombye kubisobanura,nye ibyo navuga ni ibya Guvernoma nyoboye.Nonese nye kugira icyo mbivugaho byatanga iki?Koko muri ayo masezerano hari ingingo zitubahirijwe:nk'umwanya wa Visi-Perezida ntaho uteganywa muri ayo masezerano;ngo gushyira abasirikare mu badepte nt'aho byanditse,ndetse nye nkabona ib~o ari iterabwoba ,cyane cyane ubwo bikorwa n'igice kizi ko cyayasinye,kikaba kitwa ko ari na cyo ubu gifite ingufu zo gukosora ibyo kirirwa gisakuza.

NGEZE:Muratekereza iki ku bwicanyi bwabaye mu Rwanda mu minsi ishize?

TWAGIRAMUNGU:Icyo kibazo ni kiza rwose.Urambagu bwicanyi se si wowe n'inzandiko zawe gasohokaga muri Kangura mwabuteguye?Ese iyo wandika ingandiko nka ziriya uba ugirango zigarukira aho?ahubwo nye ndabona nagombaga kukubaza inyungu mwabonye muri buriya bwicanyi,wowe na bene wanyu.Byanje bikunze muzabawa ibyo mwakoze,kandi n'ibaya byanyu nta na rimwe bigasaza.U ~ hari Kangura yagize ~ mu bwicanyi ivuga ngo irakan-gura abahutu;ntawe utarugi.Ntunagira n'isoni koko ugatinyuka ukabaza icyo kibazo koko ?ubu ilisiti y'abazashyikirizwa inkiko kuri icyo kibazo iri hafi kurangira.

NGEZE:Uratekereza iki ku rukiko mpuzamahanga?

TWAGIRAMUNGU: Ruriya rukiko ni ngombwa kugirango abakoze bwicanyi bose babihaniwe by'intangarugero,bityo ntihazagire uzongera kubikinisha.Aha nkaba nibutsa igitekerezo cya Guverinoma nyoboye ariko

hazaburana ibice byombi,igice cyanyu n'abo mwafatanije,n'igice cy'aba FPR bakoze ubwicanyi kuva intambara yatangira kugeza abu bagikomeza.Ibyo nibikorwa gutyo ,bizamara urwikekwe. Nonese byaba bimaze iki kuburanisha bamwe ugasiga abandi kandi bose ari abicanyi.

NGEZE:Muratekereza iki mu kunga ingabo?

TWAGIRAMUNGU:Icyo kibazo nicyo nyine FPR igomba kumva byanze bikunze.Niba bivugwa ko kugirango u Rwanda rugire amahoro hagomba kungwa ingabo ,si numva icyo FPR ibitinyamo.Nonese niba hakenewe umutwe w'ingabo ibihumbi cumi n'icyenda bikomotse ku ngabo zombi,tukaba tuzi ko izari ingabo ga Leta mwahunganye zari zigeze ku bihumbi 45 zihunga ,koko ubu haburamo ibihumbi 20 bizima bitagaragaye mu bwicanyi?Icyo kibazo,no kuri FPR ni uko .n'ubwo yishe kandi ikaba icyica ,ariko si yose,kuko harimo abazima ,abo bazima rero bahuzwa na bagenzi babo maze bagakora umutwe w'Ingabo z'Igihugu,ukomoka ku moko yombi ,ukomoka mu turere twose,nahe ubundi bitagenze bityo,ntawahora muri ibyo byo kwica inzirakarengane ,kandi buri muntu akamenya ko "aho inzovu ebyiri zirwaniye hababara ibyatsi".Nonese imirwano yongeye kurota ,ubwo mubona amaraso yahamenekera?

NGEZE:Muravuga iki ku nyandiko ya MDR yakozwe taliki ya 6. ~ 94 ivuga amarorerwa yabereye mu Rwanda?

T W A G I R A M U N G U : Iyo nyandiko twabonye abo muri FPR barayisuzuguye,ndetse bakemeza ko atari MDR yayikoze,ko yakozwe n'abazungu barimo ba REYJENS ,ibyo rwose ni agasuzuguro.FPR kimwe n'abatekereza nka yo bagomba kumenya ko MDR ari ishyaka ukwaryo .ridafite aho rihuriye na FPR,ko bitumvikana ukuntu umuntu

Kangura No. 65 Janvier 1995

yaza kudukorera inyandiko y'ukuntu tubona ibantu nk'aho twe nta banyabwenge dufite,ahubwo nibatangire bamenyere Demokarasi,bivane mu mutwe ibyo bigiye mu ishyamba,bamenye ko ubu turi mu gihugu aho dukora Demokarasi, gusa mboneyeho no kumenyesha Abanyarwanda ko igitekerezo cya FPR cyo gushyira amatora mu myaka itanu(5) kidashoboka, ko cyaba ari igitugu gikabije.Nonese twaba twarameneye iki amaraso yacu ,duharanira ko ibantu bihinduka.Amatora niyo yonyine agomba gukiza iki gihugu,kandi akaba mbere y'imyaka ibiri,bitaba bityo abaturage bakajya mu mihanda,ndetse FPR idasobanuye neza ingingo itemera muri Arusha,ndabona ntawazakira ingorane byazabyara,ndakeka na yo imaze kubona no kumva ibyo amahanga avuga ku Rwanda,kandi by'ukuri.

Byakiriwe na NGEZE Hassan kuri terefoni.

Ababa bashaka icyo kiganiro kuli kaseti ubu cyiragurishwa mu nkambi zose zimpunzi zabannyarwanda kumafranga 500fr.

NTABWO ARI ABATEGETSI BAZACYURA ABATURAGE, AHUBWO NI ABATURAGE BAZACYURA ABATEGETSI.

Icyo kibazo kucyumva kirakomeye kuko gisaba ubwenge no kumenya gusesengura .Amahanga yakunze gusakúza ngo abategetsi bagize ingwate abaturage,nyamara twe muri Kangura dusanga abaturage aribo bagize abategetsi ingwate. Muti ute rero? Mu bategetsi harimo ibice bine bikuikirana gutya:

- A.Bategetsi b'abaswa.
- B.Bategetsi b'abagambanyi.
- C . A b a t e g e t s i b'ibisambo,rubebe
- D.Bategetsi b'inyangamugayo.

Muri iki cyiciro cya nyuma rero,niho dusanga bariya bateget-

si twasigaranye, birirwa biruka hirya no hino ngo bakore ibishoboka byose,babone uko bagera mu nzira zose zishoboka maze rubanda nyamwinshi itahukane ishema n'isheja.Aba bategetsi ni benshi kandi bazi ko bafite umwenda ukomere w'abaturage bahunganeye twakwita mu gifaransa "credit moralen. Uwo mwenda rero niwo abategetsi b'inyangamugayo bagomba kuriha abaturage babaguma iruhande mu kubabwira ibikorwa mu bibazo byabo .Iyo ngingo uyumvise neza rero ,usanga abaturage aribo bagize ingwate abategetsi bakaba bagomba kurangiza kuriha ideni ry'abaturage ryo kubacyura maze bakabona bakajya iyo bashatse; kandi mwibukeko mu baturage ariho havukamo abategetsi,ariko mu bategetsi siho havukamo abaturage b'ingirakamarc.

Twe rero muri Rangura,kuko aho twahungiye turacyakomeza akazi kacu,nimwe muzaduha amanota duta~hye.Tumaze kugera mu bihugu byinshi turi hamwe n'abategetsi bacu, babQkira neza kandi vuba.Na babandi b'abaswa ,ba bagambanyi, ba bajura tugenda tugergeza kumenya aho baherereye bityo namwe tukabibamenyesha ngo muzabafatire ibyemezo umunsi mwabishatse.Twumwise ko hari n'abaguriye agatsiko k'amabandi ngo kazatugirire nabi kubera ko twatahuye ubagambanyi bakoze,abo barimo ba Nsen~iYumva Rafiki HYacinte ngo uzatanga akayabo k'amadorari yibye ngo bakunde batugirire nabi.Murabe maso umunsi hagize ikiba namwe ntazabacike.Ibyo nabibwiye benski mubo basangira.

Gusa nasabaga abakunda Kangura kujya muzirikana ingorane twahuye na zo mu kuvugira Abahutu.Nyamara se Inkotanyi ntizikoresha Abahutu mu kutugirira nabi!Nonese ntimwibuka ukuntu Colonel Nsengiyumva Anatoli ,afatanyije na Capitaine Habimana wategekaga batayo ya 62 ,bafatanyije na Lieutenant

I NAYIROBI MURI KENYA ABATEGETSI TWAHUNGANYE BAHACYUYE UMUHIGO

Turi ku wa gatandatu tariki ya 07/01/1995. MU muJyi wose wa Nairobi ,amabendera yuguye umugi muzima, uragirango ni indabo z'ubwoko bwose. Abantu baribaza icyabaye, bensi babazanya.Igisubizo ni kimwe .ngo iriya nama ni iyo gusubiza impunzi z'Abanyarwanda mu gihugu cyabo no gukemura iceyo kibazo burundu mu karere k'Afrika yo hagati n'i'yiburasirazuba.Kuki uburasirazuba bujemo rero?Ni ukugirango ibyabaye mu Rwanda bishingye ku moko bitagira abandi byazongera kuba.

Iyo nama izazamo bande rero? Mbere na mbere abarebwa n'icyo kibazo ni bande ?

* Ntibantunganya utegeka u Burundi: igihugu vuba aha gishobora kumera nk'u Rwanda.

* Mobutu wa Zayire akaba yari ahagaraniwe na KENGO wa DONDÖ nawe ntwaye neza cyane muri iyo nama.

* Hassan Mwinyi wa Tanzaniya, igihugu cyagize uruhare mu ishyano ryagvirwe u Rwanda .

* Umukambwe MOI DANIEL ari nawe mukambwe muri bose,tukaba twari - tunamutezeho impanuro nyinsin.

* Kaguta Museveni we pfundo w'ibibazo by'u Rwanda?akaba ari nawe wadukururiye akandare. Ubwo u Rwanda rwari ruhagarariwe na Bizimungu Pa-steur hakaba hari n'undi munyacyubahiro wo muri Zambia CHILUBA .Ngabo abo twari duhanze amaso mu kuvana runyenzi ku izima.

NI IKI AMAHANGA YARI ATEZE KURI IYO NAMA

Haba mu muryango w'Abibumbye O.N.U., haba muri O.U.A.,haba mu bindibihugu by'isi bikurikiranira hafi ibibazo bv'u Rwanda,iriya nama yari ihanzwe amaso ng nibura ibe yashyira aha-ara-ara ikibazo cy'Abahutu n'Abatutsi.

BITE NA GUVERINOMA Y'ABATABAZI ?

Mu mugi wa Nairobi Guverinoma y'Abatabazi yari yahateye ibirindi-o.Ubwo Kambanda aherekewe na Biemumpaka na General Kabiragi bakoraga ibishoboka byose ngo amahanga arusheho kumva akababaro ka rubanda nyamwinshi. gabu muri za Ambasade zinyuranye parakirwa nta nkomyi.ibyifuzo bya ru anda nyamwinshi birahita nta ngora e.ibyo byose ni ko byakorwaga mu .wanya wabyo kandi bikenewe.Amah nga yari amaze kurambirwa ibyo runyenzi ahora ayibeshya.Igihe gito tumaze muri

Na-irobi,tubashije gukora ibintu byakorwa nko mu mezi ane.Inzégo zose zirebana n'icyo kibazo kandi zari zimaze guhabwa ibisobanuro byose by'icyo Abahutu n'Abatutsi bapfa.

Ku wa gatanu harageze,abakuru b'ibihugu batangiye kuhasesekara, ubwo runyenzi yitwaje ikinyoma aherekewe na Kagame na ba Gasana bayobora ububanyi n'amahanga.

Ku wa gatandatu harageze.

Inama iratangiye.iyo nama yaje kumara amasaha arindwi dore ko yaje kurangiza imirimo yayo mu ma saa mbiri za njoro.Kuri uwo munsi wo kuwa gatandatu ,tariki ya 07 Mutarama 1995, ibyabaye Runyenzi kuzabyibagira bizamugora.

Umusaga Moi afashe ijambo, abanje gushimira abaje bose. Abasabye kwiga neza ikibazo cy'u Rwanda gishingye ku moko (abahutu n'abatutsi).Ubwo mu kuvuga iryo jambo hutu.inyenzi zari zicaye iburyo bwe ziba zirasuherewe zirarebana,Bizimungu arebana n'inyesyamba ze .Ubwo Moi amaze guha abari aho umurongo bari buze gukurikiza,buri mukuru w'igihugu shabwa ijambo.

Tanzaniya ihawe ijambo ryo kuvuga uko ibibona,ubwo buri mukuru w'igihugu yafunguye amadosiye yose yari yazanye arebana n'icyo kibazo.Umusaza Hassan Mwinyi ati nshuti bavandimwe iyi nama iduhuje abe ariyo ya nyuma mu kugena umurongo u Rwanda rugomba kugenderaho,yerekane iceyo Abahutu n'Abatutsi bapfa mu Rwanda ,maze FPR nayo igerageze kumva ko atariyo yonyine igomba kuzana amahoro mu Rwanda,kandi ko itagomba gutegeka yonyine ngo bishoboke .Ngo n'ubwo FPR yanga kwemera ko igomba gushyikirana na bamwe mubo yasimbuye,ngo igomba kumva_ ko urwo ruhande yakuye ku butegetsi rufite abantu baturi inyuma,kandi abo bantu igihe cyose batarataha ku buryo bwumvikanyweho ngo mu Rwanda nta mahoro azahaboneka,ngo kandi mu Rwanda nta mah-ro ahari hababara Tanzaniya yo abantu bose bahungiramo.Ngo Tanzaniya ntizakomeza kwihanganira ko ubutaka bwayo bukomeza kuba ubuhungiro bw'babuze amahoro mu Rwanda.

Ubwo ijambo ryahawe KENGO wa DON-O Ministre w'intebwa wa Zayire.Kengo ati rwose si uburakari,si uko twabuze iceyo dukora bituma duhorra mu manama ya buri gihe nayo atagara iceyo ageraho.Ngo bishoboka bite ko ibyemejwe mu nama ya CEPGL nta na

kimwe FPR yakoze .Ngo noneho ubwo bwigomeke,ubwo bwirasi ,ako gasuzuguro k'abategetsi b'i Kigali kagomba gushirira aho.Ngo iyo nama nkuko byavuzwe n'abandi ngo ikemure ikibazo cy'Abahutu n'Abatutsi, ngo FPR gukomeza kuvuga ko nta kibazo cy'abahutu n'abatutsi ghari ngo kwaba ari ugufata abantu nk'impumi~ngo miliyon enye zose ziba muri Zayire ngo bose ni abahutu.Ngo niba abahunga ari abahutu rero ni uko bafite ikibazo koko.

Ngo niba mu Rwanda Abatutsi bishyira bakizana ngo ubwo buren-ganzira basite, n'abahutu barabukeneye, ngo FPR intero yayo yo kuvuga ngo ifite abahutu mu butegetsi nta gaciro bisite,ngo mbese abo bahutu yabajahwe n'uruhe ruhande?ngo abo bahutu ni abari basanzwe bayikorera.Ngo igomba guhura n'urundi ruhande maze bagashyikirana,bagakemura ibibazo burundu,ngo Zayire ntizahora muri urwo ngo i Burundi akantu karakoma ,imbaga y'abahutu igahungira muri Zayire ,ngo mu Rwanda naho ni uko.

Ati kandi bose baza kubera ko ikibazo cy'amoko kiba kitizwe nk'uko kigomba kwigwa,ngo muri ibyo bihugu ,abapfa bapfa kubera ubwoko bwabo ,abahunga na bo bahunga kubera ubwoko bwabo,ati sinone bibaye kuko n'abo ba FPR bategeka ubu,ngo bateye kubera ko bari bamaze igihe mu buhungiro bagezemo kubera ko ari abatutsi.

Ngo ntabwo ari ikibazo cya politike cyababejeje hanze,ngo bari barahaheze nyuma y'intambara z'amoko zagiye ziba hagati ya 1962-1972,ati kandi muri abo batutsi bari hanze, umubare munini wari uri muri Zayire,n'ubwo n'ahandi wari uhari,ati FPR igomba kwibuka ko yateye ivuga ko ishaka itahuka ry'impunzi,ati izo mpunzi yavugiraga nta muhutu n'umwe wari urimo,ati bose bari abatutsi,ati abo batutsi rero nibo ubu bataha bagera mu Rwanda bagafatanya n'abana babobo muri FPR bakazana _umutekanu muke ushingye ku moko.

Ati FPR guhakana ikibazo kizwi kuva 1960 kugeza ubu 1995 ngo kwaba ari ugufata abantu nk'impumi.Kengo wa Dendo yarangije iryo jambo abari aho bose bamukomera amashyi dore ko yari abavugije ibiri ku mitima yabo.

Ubwo BIzimungu ahawew'ibambo,avuga ko mbere ya byose atumva ukuntu iyo nama yataye umurongo w'ibibazo by'u Rwanda bishingye ku bwicanyi bwabaye bukozwe n'abari abategetsi bo hambere,ngo kuba iceyo kibazo cyitwa icy'amoko ngo ni ukutamenya u Rwanda.Bizimungu yakomeje

asaba abari muri iyo nama ko abakoze ubwicanyi bashyikirizwa urukiko mpuzamahanga, ngo ahubwo nibamushe gusaba amahanga ko urwo rukiko rwajaho. Ibindi bibazo byose BIZIMUNGU yarabyirengagije bisa nk'aho bitabaho.

Ubwo Ferederiko Ciruba wa Zambiy- yafashe ijambo asaba ko ibyo bagenzi be bamubanjirije b-asabye byakubahirizwa, ariko n'icyifuso cya mugenzi we w'u Rwanda BIZIMUNGU cyo gusaba urukiko mpuzamahanga rwo gúcira abakoze amahano ko nacyo cyashyigirwa, nyuma y'icyo cyemezo abazaba abere bose bakagababu ubutegetsi noneho bigakorwa mu rwego rwo kumvikanisha amoko, hakaba haba inama yahuza abahagarariye abahutu bari mu buhungiro n'abatutsi bari imbere ku butegetsi, ibyo bikaba byanyura muri za komite nyobozi z'amashyaka yari yemewe mu Rwanda igihe amasezerano y'ARUSHA yashyirwagaho umukono. Ibyo byose nta na kimwe abari bahagarariye runyenzi bakoze ahubwo bicuje icyo iyo nama bayiziyemo.

Perezida w'u Burundi yafashe ijambo bamutega amatwi. Kubera ko abo batutsi nawe bigeze gushakakumwica, bamubuze bica umugore we igihe bicaga Ndadye, we yavuze ko ahubwo amahanga arimo arangarana akarere kacu kandi ko ntawe utazi ingorane n'ingaruka ikibazo cy'amoko gikurura. Ubwo yabivuganaga ikiniga n'agahinda do-e ko ubwo iyo nama yarimo, i Bujumbura abatutsi bari bakameje benda gutwika igihugu, babona umuhutu bakiyimirira ngo pu-pu-pu-pu. Hari na teregaramu yamusanz e muri iyo nama imuwirako agomba gutabara ko atinze abatutsi batwika igihugu.

Ubwo Museveni yafashe ijambo ntiyatinda kuko yari azi ko buri muntu muri- iyo nama afite icyo amutekereza-ho, nawe asaba ko urwo rukiko rwajaho, kandi n'impuンzi zigashakirwa ukuntu zataha vuba, ariko buri wese yabonaga ko ari uburyarya kuko ariwe pfundo ry'ibibazo. Ubwo bose bama-ze kurangiza gutanga ibitekerezo, haje kwe-mezwa ingingo zimwe na zimwe ariko nabwo ubona abari bahagarariye runyenzi batishimye.

Haje no kubazwa ibyerekanye na corridor neutre, ka karere kagombaga gushyirwa ku Gisenyi na Cyangugu maze inkotanyi zikavamo hakarindwa n'ingabo za L'ONU, kandi icyo gitekerezo kikaba cyaragiye cyigwa inshuro nyinshi mu nama ibanziriza iyo Runyenzi yavuze ko nta cyemezo na kimwe gishobora gufatirwa u Rwanda batabigishwemo inama ngo azemere ko cyashyirwa mu bikorwa, ngo abanga gutaha ni abazi ko bakoze ubwicanyi

Kangura No. 65 Janvier 1995

, ngo akaba ari nabo bafata mo ingwate abaturage bababuza gutaha. Ngo ahubwo mu nkambi z'impuンzi z'Abanyarwanda hagombye kujya umutwe w'ingabo z'amhangga ushinzwe kuvangura interahamwe n'abatarizo, ngo ibyo byamara gukorwa, abashatse gutaha runyenzi akabashakira aho ashatse bajya babanza kunyura mbere yo kujya mu ngo zabo, maze ngo akabarindira umutekano wabo.

Ministre w'intebwa wa Zayire yajunguye umutwe kuko yabonaga ibyo ari ukubeshya, ngo n'abari mu Rwanda baricwa kandi bari mu ngo zabo nkan-swe abazabasanga aho basa nk'aho baje gutata uko bimeze. Ngo mbese mu gihe abo baturage bazasanga nta mutekano uhari, runyenzi azabemerera gusubira mu buhungiro?

Ministre w'intebwa wa Zayire yanibukije disikuru Twagiramungu yari aherutse gutangaza avuga ko mu Rwanda nta mutekano uhari, ubwo inyenzi zari aho zose zirarebana, ku buryo wakekaga ko nizisubira i Kigali aka Twagiramungu kabu gashobotse. Inama yarangije imrimo yayo mu ma saa mbiri -ijoro y'emeje ko ikibazo cyo mu Rwanda kigomba kubonerwa umuti vuba, ko kandi n'aho abaturage bataha nta rwego rwa politike rugaragaje ko rwakemuye ikibazo cy'abahutu n'abatutsi- mu Rwanda bizaba ari nko kwicarira ikirunga kigiye guturika kandi ubizi neza.

Ngo umuti urahari, FPR niyemere icyo amahanga ayibwira, yemere ibibazo bhari, hashyirweho inama yahuza ibice byombi bitagaragaye mu bwicanyi, icyo FPR n'icyacu twe turi mu buhungiro, kandi amasezerano y'Arusha yubahirizwe uko ateye. FPR niba itabyemera ivuge ingingo itemera zigibweho impaka, niba iyemera ivuge impamvu itayubahiriza. Kuba Mobutu ataraje, byateye abantu bose kwibaza n'ubwoba bagira bati amagambo Kengo yavuganye uburakari bigakubitiraho no kuba Mobutu yanze kuza, bati bihishe byinshi.

Mbere y'uko inama isoza-imrimo yayo nko mu minota 45, Perezida w'u Burundi yahise asohoka arataha, hanemezwa ko mu Burundi hazabera indi nama itaha iziga ikibazo cy'abahutu n'abatutsi mu karere k'ibiyaga bigari.

Mu gihe abantu bari bakibaza ibyo runyenzi atahanye byerekanye n'umutekano muke ukorwa n'ingabo za FPR nk'uko Twagiramungu abirega Kagame, -ubuyobozi bwa HCR bwahise burega ko FPR ikabije, ko noneho atari abasoda bo hasi basigaye bica imbona nkubone, ko noneho uwitwa Ma.ior Rwi-amba ukomeye muri FPR wigeze no guhagararira FPR muri GOM, wa mutwe wa OUA wari warashyizwe mu

Rwanda, ko uwo Major na bagenzi be batatu bagabye ibitero izuba riva, bajya kwica abahutu ku mugaragaro ku Gikongoro, kandi ngo abo behutu babazizaga ubwoko bwabo gusa.

Ubwo FPR yabuze uko ibihakana dore ko hari hanafashwe n'amafoto y'ubwo bwicanyi, nibwo mu kwiyerurutsa babafashe barabafunga. Ariko se bazamaromo kangahe? Si ejo bakabafungura nta n'anketi ikozwe!

Ibyijo nkuru y'ubwicanyi abari mu nama y'i Nairobi nabo barabimeneshejwe, ibyo bikaba byaraguye kubyo Kengo yavugaga.

Ng'uko uko inama yarangije amahanga abonye neza ko ikibazo ari hutut-tutsi bapfa ubutegetsi, ko byanze bikunze ibice byombi bigomba kuzahura bikiga ukuntu haba igabana ry'ubutegetsi n'ivanga ry'ingabo.

RUNYENZI YAKIRIYE ATE IBYO BIBAZO ?

Nk'uko yabitangarije radio Kigali, runyenzi BIZIMUNGU yavuze ko atazongera gusubira mu manama nk'ariya ngo ahunga ibibazo uko biteye, maze ayo mahanga akemeza ko ikibazo cy'u Rwanda ari ikibazo cy'amoko hutut-tutsi, ngo niyo abimenya ntabyaragiyeyo. Ngo ubutaha agomba kujya abanza kumenyeshwa umurongo w'ibyo bari buze kwiga, ariko ntawe byatangaje kuko no mu nama yasohokanye uburakari bwinshi cyane bw'uko bize ibyo adashaka, kandi muzi ko iyo umututsi abwiwe ko ari we, aba ari nko kumena inzoka umutwe, we yishakira ko havugwa ko ikibazo ari icya politiki ko atari icy'amoko. Nonese ko amahanga yarangije gusobanukirwa, ararwana n'iki?

Aha umuntu akaba yashimira Guverinoma y'Abatabazi ukuntu yateye igitego cy'injyanamuntu maze amahanga agasobanukirwa neza n'ibibazo byacu. Umutabazi Kambanda Jean ati: Abatazi ibibazo by'u Rwanda nibo batwita abicanyi, abamaze gusobanukirwa nibo bumirwa kuko baba bamenye neza icyo runyenzi ari -cyo n'icyo yifuza kuva 1959. Abatazi u Rwanda neza umuntu yabababirira kuko babeshywe byinshi, ati ahubwo tuzakomeza tubasobanurire ikibazo cyacu duhereye kuri revolution ya 1959 kugeza FPR iteye, ati kandi nabo bazabyumva. Ati ababa bazi neza uko ikibazo giteye bakacyirengagiza, ati abo ni abo kubababarirwa; bibaho.

NGEZE Hassan.
Envoye special

NAIROBI KFNYA.

MEMORANDUM SUR LA SITUATION-POLITIQUE DU RWANDA

Le Gouvernement Rwandais en Exil profite de la prochaine tenue, a Nairobi, du Sommet des Chefs d'Etat de la Sous-Region qui doit se pencher sur la crise rwandaise, pour adresser au Chef de l'Etat du Burundi, Son Excellence Monsieur NTIBANTUNGANYA Sylvestre, un Memorandum sur la situation politique du Rwanda et l'approche de solution qu'il considere comme la plus appropriee en vue d'une solution politique durable a cette tragedie.

Le Gouvernement Rwandais en Exil profite aussi de cette occasion pour reiterer ses sinceres remerciements a Son Excellence le President de la Republique du Burundi, pour les actions qu'il n'a cesse d'entreprendre en vue de permettre au peuple frere du Rwanda de retrouver la paix et la tranquillite.

Une bonne comprehension de la Societe Rwandaise sur les plans sociologique, historique, politique et economique est indispensable si l'on veut contribuer a trouver une solution appropriee durable a la crise rwandaise. C'est pourquoi, nous developpons ci-apres quelques elements juges indispensables pour cette bonne comprehension.

I. QUEL-UES ASPECTS DE LA PROBLEMATIQUE RWANDAISE.

1.1. DE L'INVASION DU RWANDA PAR L'UGANDA ET LE F.P.R..

